**<u>Umuvugo(Poem): NKWIHOREZE</u>**

**Ndaje ndangurere ijwi ryanjye**

**Ndaje nkwihoreze shenge**

**Ndaje mvugane namwe bana burwanda**

**Mwe Rwanda rwejo nimwe urwababyaye rutegeye amaboko**

**Ndaje ngiranti humura witaweho.**

**Ihorere shenge ndaje ngo nifatanye nawe**

**Nturi wenyine ,njyambona hari abakwibasira**

**Bakwita amazina ntasubiramo ubu nonaho kuko**

**Ntaho naba ntandukaniye nabo,**

**Gusa ndagiranti nturiwenyine.**

**Rekangire icyo mbibariza mwe muri aha**

**Ese mwatanze iki kugira ngo mube mwarahiriwe?**

**Ese we kotumuhana tumwita yamazina adakwiye,**

**Niwe wabihisemo? Ngaho nimwibaze kandi mwisubize**

**Intero yanjye ni Bamu mahoro kandi utange amahoro**

**Reka mfate uyu mwanya nanone mbave imuzi mbabwire**

**Mwe mwabigize intego muhohotera aba baziranenge**

**Ese ntimuziko umwana ari umutware? Kuki mukwiye kuba**

**Intandaro y'ihungabana rye? Oya ntibikwiye ni ukuri**

**Tubabe hafi kandi tubiteho baradukenye.**

**Nitubarinde kwiheba, kwigunga, kumva ko ari bonyine**

**Nitubarwaze, abashonje tuba ibyo nkurya, nitube umusemburo**

**W’ibyishimo byabo njye intero yanjye ni imwe ni ndaje nkwihoreze shenge**

**Rubyiruko bagenzi banjye aho turi hose nidusigasire izo ngimbi n’abangavu**

**Rungano rwacu maze tube umusemburo w’umunezero wabo.**

**Reka nsoze nkebura ababyeyi mwe mwabaye intandaro**

**Y’umubabaro w’ibyo bibondo nyabuna nimusubize**

**Agatima impembero maze mwicarane mucoce ibya batanyaga**

**Musubize amaso inyuma mwibuke ko arimwe soko y’umunezero**

**Wacu ndabisabira kunga ubumwe maze natwe imbuto zanyu tunezerwe**